

## Ubufasha mu by'amategeko

Abakozi b'urukiko ntibemerewe gutanga ubujyanama mu by'amategeko. Niba ukeneye ubufasha mu by'amategeko, ushobora gushaka umwunganizi mu mategeko (avoka). Ushobora kandi gusura urubuga rw'urukiko, kuri paji yanditseho "Ubufasha n'ubujyanama mu by'amategeko" [Legal Help & Guides] iriho amakuru arebana n'uburyo wabona ubufasha mu by'amategeko. Serivisi zimwe na zimwe ni ubuntu cyangwa se zirahendutse ku baburanyi bafite ubushobozi budahagije. Sura urubuga rwa www. courts.maine.gov ubone amakuru arambuye.

Ku bindi bisobanuro, sura urubuga rwa
www.courts.maine.gov

# KWISHYURWA AMAFARANGA BIGENDANYE N'UMWANZURO W'URUKIKO



Ishami ry'ubucamanza rya Maine
Ibiro by'Ubuyobozi bw'Inkiko

Niba umwanzuro w'urukiko ku birego byoroheje watanze cyangwa se mu rubanza rw'imbonezamubano uvuga ko hari amafaranga uberewemo, ufite uburenganzira bwo kwishyuza ayo mafaranga. Mu gihe amafaranga uberewemo utayishyuwe, ushobora kongera kujyana uwo urega mu rukiko kugira ngo rumutegeke kukwishyura. Bene iki gikorwa mu rukiko cyitwa "Iburanisha ryo gutanga amakuru".

Mu iburanisha ryo gutanga amakuru wowe n'umuntu ukubereyemo amafaranga ("Umuntu ukubereyemo umwenda") murebera hamwe amafaranga n'imitungo ukurimo amafaranga afite kugira ngo murebe ayo ashobora kukwishyura. Wowe n'umuntu ukubereyemo umwenda mushobora no kwemeranya uburyo azakwishyura mu byiciro muri iryo buranisha ryo gutanga amakuru.

## Inzira zo gutangira urubanza rw'iburanisha ryo gutanga amakuru

1. **Uzuza amafishi yo ku rukiko.**
2. **Genzura neza ko umuntu ukubereyemo umwenda yabonye ayo mafishi. ("Yamushyikirize".)**
3. **Shyikiriza ayo mafishi Urukiko rw'Akarere, ndetse unagaragaze igihamya ko wayashyikirije n'ukubereyemo umwenda.**
4. **Jya ku rukiko ku munsi w'iburanisha.**

## 1. Uzuza ifishi yo ku rukiko

**Umwanzuro w'urubanza rw'ibirego byoroheje - Ugomba gutegereza iminsi 30 nyuma y'umwanzuro w'urubanza rw'ibirego byoroheje**, mbere yo gusaba urukiko kuburanisha urubanza rwo gutanga amakuru.

- Safa ifishi yo "Kumenyesha iburanisha ry'urubanza rwo gutanga amakuru ku birego byoroheje" [Notice of Small Claims Disclosure Hearing] ku mwanditsi w'urukiko, uzashyiraho itariki y'iburanisha ndetse agashyira n'umukono we kuri iyo fishi. Iyi fishi uyishyura udufaranga duke.

**Umwanzuro** w'urubanza mbonezamubano - niba umwanzuro w'urukiko mu rubanza mbonezamubano rwawe uteganya ko hari amafaranga uberewemo, ukeneye "Urubanza rwo gutanga amakuru" Iyi fishi isaba umuntu urimo umwenda kwitaba urukiko ku itariki n'isaha byagenwe. Ugomba gusaba iyi fishi mu bwanditsi bw'urukiko, kandi igomba kuba iriho umukono w'umwanditsi w'urukiko, ikindi kandi ugomba guhabwa itariki n'umwanditsi w'urukiko ikandikwa kuri iyo fishi mbere y'uko uyohereza ukubereyemo umwenda. Iyi fishi uyishyura udufaranga duke.

**Inyandiko** - aya mafishi yombi agaragaza urutonde rw'inyandiko ukubereyemo umwenda asabwa kwitwaza mu rubanza kugira ngo mubashe kumenya ubushobozi bwe bwo kwishyura. Nk'urugero, ashobora kuzana inyandiko za banki zigaragaza imikoreshereze ya konti ze cyangwa se inyandiko zigaragaza uburyo yishyura imisoro.

Nurangiza kuzuza iyi fishi, uyifotoremo kopi ebyiri. Sigarana kopi imwe yawe.

## 2. Iyindi uyihe ukubereyemo umwenda

Kumenyesha itangwa ry'ikirego "Service" bivuga kumenyesha ukubereyemo umwenda ko ugiye kumujyana mu nkiko kugira ngo umwishyuze amafaranga yawe. Kumenyesha itangwa ry'ikirego akenshi bikorwa n'umupolisi w'urukiko. Vugana n'ibiro by'Umupolisi w'Urukiko byo mu gace utuyemo kugira ngo ubone serivisi ko kumenyesha itangwa ry'ikirego.

**Ku birebana n'iburanisha ry'urubanza rwo gutanga amakuru ku birego byoroheje** ugomba kumenyesha urundi ruhande nibura iminsi 7 mbere y'itariki y'iburanisha. Ushobora gusaba umwanditsi w'urukiko kukumenyeshereza urundi ruhande, ariko ukishyura andi mafaranga y'inyongera. Baza umwanditsi w'urukiko niba ari ngombwa ko abigufashamo.

**Ku birebana n'urubanza mbonezamubano rwo rwo gutanga amakuru,** ugomba kumenyesha urundi ruhande nibura iminsi 10 mbere y'itariki y'iburanisha.

Hari ubundi buryo buhari bwo kumenyesha urundi ruhande. Ku bindi bisobanuro ku bundi buryo buhari bwo kumenyesha itangwa ry'ikirego, reba agatabo karimo amakuru ku kumenyesha itangwa ry'ikirego.

Umupolisi w'urukiko azakoherereza inyandiko igaragaza ko urundi duhande rwakiriye imenyesha ry'uko watanze ikirego. Shyira iyi nyandiko hamwe n'izindi nyandiko zawe z'urukiko mu gihe ushyikiriza urukiko ikirego cyawe.



## 3. Shyikiriza izo nyandiko zawe urukiko

Fata ifishi y'imenyesha ry'itangwa ry'ikirego wohereje urundi ruhande (yaba imenyesha ry'urubanza rwo gutanga amakuru ku birego byoroheje cyangwa se imenyesha ry'urubanza rwo gutanga amakuru) hamwe n'inyandiko ihamya ko warumenyesheje wahawe n'umupolisi w'urukiko maze ubishyikirize urukiko. Hari amafaranga uzishyura mu gihe ujyanye ifishi ku rukiko.

## 4. Jya ku rukiko

Uzaburana ku itariki urukiko ruzaba rwaguhaye. Muri urwo rubanza, mwembi wowe n'umuntu ukubereyemo amafaranga muzasabwa kuvugana n'umucamanza. Muzitabire iryo buranisha. Mu gihe mutitabiriye iburanisha, urukiko rushobora gufata imyanzuro mutabigizemo uruhare.